



**Clark County School District  
Assembly Bill 195  
English Language Learner Division**

**Itegeko 195: Incamake**

Itegeko 195 (AB 195) ivugurura ingingo zijiyanie nabanyeshuri biga Icyongereza. Byemejwe na Guverineri Steve Sisolak ku ya 2 Kamena/ ukwagatandatu 2021, AB 195 yongerera uburenganzira abanyeshuri biga Icyongereza n'uburenganzira bw'ababyeyi. Igice cya gatatu cy'itegeko gikubiyemo hepfo hano gitanga incamake y'uburenganzira.

**Igice cya gatatu: Uburenganzira bwa Abanyeshuri Biga Icyongereza na Ababyeyi Babo**

1. Umunyeshuri wiga icyongereza afite uburenganzira bwo:
  - a. Kwakira uburezi bwishuri bukwiye bwa leta utitaye kumiterere y'abinjira mugihugu cyangwa ururimi rwibanzze rwumunyeshuri cyangwa umubyeyi cyangwa umurezi wemewe mumatego w'umunyeshuri;
  - b. Ubudyo bungana bwa gahunda zose hamwe na serivise zitangwa kubanyeshuri bo murwego rumwe rw'cyiciro/clase batiga icyongereza mwishuri cyangwa akarere k'ishuri umunyeshuri yiyandikishijemo;
  - c. Kwakira inyigisho kurwego rumwe rw'cyiciro/clase nabandi banyeshuri bafite imyaka ingana numunyeshuri wiga Icyongereza, keretse niba ishuri cyangwa akarere k'ishuri umunyeshuri yiyandikishijeho bigena ko bikwire ko umunyeshuri wiga Icyongereza akwiriye gushirwa murwego rw'icyociro rutandukanye;
  - d. Uburenganzira bungana bwo kwitabira amsomo adasazwe;
  - e. Kwakira serivisi zikwiriye zingoboka zamasomo zitangwa nishuri cyangwa akarere k'ishuri kubanyeshuri biyandikishije mwishuri cyangwa akarere k'ishuri batiga Icyongereza;
  - f. Isuzumabumenyi buri mwaka kugirango umenye iterambere ry'umunyeshuri mu kwiga ururimi rwicyongereza no kubona amakuru ajyanye n'imikorere y'umunyeshuri, harimo, nta mbogamizi, ibisubizo by'ikizamini cyakozwe hakurikijwe NRS 390.105; hamwe no,
  - g. Gukomeza gushirwa muri gahunda y'abiga Icyongereza mugihe cyose umunyeshuri amenyekana ko ari muciciro cya biga Icyongereza keretse umubyeyi cyangwa umurezi wemewe namategeko w'umunyeshuri yanze ko umunyeshuri ashirwa muri gahunda y'abiga Icyongereza.
2. Umubyeyi cyangwa umurezi wemewe namategeko wumunyeshuri wiga Icyongereza afite uburenganzira:
  - a. Yandikishe umwana we mu ishuri rya Leta atagaragaje uko imiterere yubwimukira mugihugu bw'munyeshuri buhagaze cyangwa umubyeyi cyangwa umurezi wemewe n'amategeko;
  - b. Muburyo bushoboka, gira umusemuzi wujuje ibyangombwa mururimi rwibanzze rwumubyeyi cyangwa umurezi wemewe numubyeyi cyangwa umurezi wemewe mugihe cyimikoranire ikomeye nakarere ki shuri;
  - c. Muburyo bushoboka, wakire inyandiko yanditse mundimi zombi mucyongereza ndetse nururimi rwibanzze rwababyeyi cyangwa umurezi wemewe w'umunyeshuri wamenyekanye nkuwiga Icyongereza kandi azashirwa muri gahunda y'abiga

Icyongereza;

- d. Kwakira amakuru ajyanye niterambere ryumunyeshuri mukwiga Icyongereza kandi, niba umunyeshuri yiyandikishije muri gahunda yo kwigisha indimi ebyiri, iterambere ryumunyeshuri mukwiga indimi ziyi gahunda;
  - e. Bisabwe n'umubyeyi cyangwa umurezi wemewe n'amategeko, kugira inama n'abakozi b'ishuri umunyeshuri yandikishijwemo nibura rimwe mu mwaka, wongereye kuzindi nama zose zisabwa, kugira ngo muganire ku iterambere rusange ry'umunyeshuri mu kwiga ururimi rw'icyongereza;
  - f. Kwimurira umunyeshuri mu rindi shuri riri mu karere k'ishuri niba ishuri umunyeshuri yandikishijwemo ubu ridatanga gahunda kubanyeshuri biga icyongereza cyangwa ryashyizwe kuri gahunda y'ibikorwa bikosora hakurikijwe NRS 388.408;
  - g. g. Kwakira amakuru ajyanye n'isuzuma iryo ari ryo ryose ry'umunyeshuri ukurikije igika (f) cy'agace ka 1; na
  - h. Menyesha Ishami cyangwa Akarere k'ishuri, nkuko bishoboka, niba ishuri cyangwa akarere k'ishuri umunyeshuri yandikishijwemo gasuzugura ku biteganijwe muri iki gice.
- 3. Hatirengagijwe ibivugwa mu bika (b) na (c) by'ingingo ya 2, agakiko kinama yubuyobozi muri buri karere k'ishuri kazaha amakuru umubyeyi cyangwa umurezi wemewe n'amategeko w'umunyeshuri wiga Icyongereza mu rurimi n'imiterere yo umubyeyi cyangwa umurezi wemewe arashobora kugumva.
  - 4. Ku buryo bushoboka, agakiko kinama yubuyobozi muri buri karere k'ishuri kagomba, mu nyadiko zo mu cyongereza ndetse no mu rurimi rw'ibanze rw'umubyeyi cyangwa umurezi wemewe n'amategeko w'umunyeshuri wiga icyongereza, kumenyesha umubyeyi cyangwa umurezi wemewe namategeko uburenganzira bwasobanuwe muri iki gice mugihe cyo kwandikisha umunyeshuri mwishuri riri mukarere ki shuri cyangwa mugihe umunyeshuri yamenyekanye nkuwiga Icyongereza. Akarere k'ishuri kazatanga kopi yuburenganzira bwasobanuwe muri iki gice mugihe cyo kwandikisha umunyeshuri buri mwaka mwishuri riri mukarere ki shuri kumubyeyi cyangwa umurezi wemewe n'amategeko wumunyeshuri wiga Icyongereza.
  - 5. Ishami rizatanga kopi zahinduwe muzindi ndimi z'uburenganzira bwasobanuwe muri iki gice mu ndimi eshanu zikunze kugaragara uretse icyongereza zivugwa cyane mu ngo muri buri karere k'ishuri, zishobora kuba zrimo, nta mbibi, icyesipanyoli, igiswahili n'igitagalo. Agakiko kinama yubuyobozi ka buri karere k'ishuri na buri shuri ryandikisha abanyeshuri biga Icyongereza bagomba gushyira kopi yuburenganzira bwasobanuwe muri iki gice kurubuga rwabo rwa interineti mu ndimi nyinshi zishoboka, zishobora kubamo, nta mbibi, kandi uko bishoboka mukarere k'ishuri, indimi zahinduwe nishami ukurikije iki gice.